| EPUBULIKA Y'U RWANDA<br>REPUBLIC OF RWANDA | RICA Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority |
|---|---|

# ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Hashingiwe ku itegeko n° 31/2017 ryo ku wa 25/07/2017 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe ubugenzuzi bw'ubuziranenge, ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi (RICA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Hashingiwe ku itegeko n° 36/2012 ryo ku wa 21/09/2012 rigenga ihiganwa mubucuruzi no kurengera abaguzi;

Hashingiwe kandi ku mategeko, amateka, n'amabwiriza agenga ubuziranenge bw'ibicuruzwa bitandukanye bivugwa mw'itegeko rishyiraho RICA ryavuzwe haruguru;

RICA irongera kwibutsa abacuruzi bose batumiza ibicuruzwa mu mahanga ibi bikurikira:

1. Imizigo yinjira mu gihugu yose igomba kuba yujuje ibipimo byose by' ubuziranenge
2. Bumwe mu bwoko bw'imizigo yinjira mu gihugu igomba kuba iherekejwe n'uruhushya rutangwa na RICA (**Import permit**) n'ibyangombwa by'ubuzirange bisabwa bikubiye muri urwo ruhushya.
3. Urutonde rw'ibicuruzwa bisabirwa uruhushya rwo kubyinjiza mu gihugu ruragaragara kurubuga rwa RICA arirwo; www.rica.gov.rw.

Ku bifuza kutugezaho amakuru cyangwa gusaba ibindi bisobanuro mwahamagara ku murongo wa telephone utishyurwa wa 9899 cyangwa mukohereza ubutumwa kuri info@rica.gov.rw

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/08/2022

**UWUMUKIZA Beatrice**
**Umuyobozi Mukuru w'agateganyo**

RWANDA INSPECTORATE COMPETITION & CONSUMER PROTECTION AUTHORITY
REPUBULIKA Y'U RWANDA